# traversa

## Ikoranabuhanga rya tyler mu gukemura ibibazo by'ishuri

## Uko wagera ku rubuga rwa Traversa Ride 360™

1. Ukoresheje Mushakisha Chrome, jya kuri aderesi y'urubuga (URL) yatanzwe n'akarere k'amashuri kawe.

2. Niba udasanzwe ufite imeyili, kanda kuri 'Register' ('Iyandikishe').

3. Andikamo aderisi ya imeyili yawe, ijambobanga n'izina kugira ngo wiyandikishe.

4. Nyuma yo kwiyandikisha, uzakira imeyili ibyemeza. Kanda ku ihuza riri muri iyo imeyili kugira ngo wemeze ko wiyandikishije binyuze kuri urwo rubuga rwa Ride 360.

5. Injiramo, hanyuma ubone umunyeshuri ujya ahanditse My students (Abanyeshuri banjye) maze ukande kuri buto ya 'Find Student'.

6. Andikamo amakuru yihariye akenewe n'akarere k'amashuri kawe kugira ngo ubone umunyeshuri wawe. Subiramo iyi ntambwe kugira ngo wongereho abandi banyeshuri. Niba ukeneye ubufasha, hamagara akarere k'amashuri kawe.

7. Numara kugera ku munyeshuri, kanda ku mwirondoro w'umunyeshuri kugira ngo urebe amakuru yose y'ingenzi yerekeye uburyo bwo gutwara abanyeshuri.



Ipaji y'aho kwinjiriramo



Ipaji Ibanza Find Your Student (Shaka Umunyeshuri wawe)

8. Kugira ngo usangire ihuza ry'umunyeshuri n'undi muntu, hitamo umunyeshuri maze ukande buto y' amahitamo ajyanye n'umunyeshuri mu nguni yo hepfo iburyo.

9. Hitamo abanyeshuri ushaka guhuriraho n'abandi, maze wandikemo imeyili y'umuntu ushaka ko mubahuriraho. Uwo muntu azakira imeyili ibyemeza izahita ibahuza n'umunyeshuri (abanyeshuri) bahuriyeho. Abakira iyo imeyeli bagomba kuyandikisha kuri Ride 360, niba batari babikora, kugira ngo bagere ku makuru yerekeye umunyeshuri.

*…komeza inyuma*

# Uko wakwinjira muri porogaramu ya Traversa Ride 360 kuri telefone igendanwa

1. Kura “Traversa Ride 360” kuri Google Play cyangwa Apple  App Store.

2. Nyuma yo kurangiza gushyira iyo porogaramu muri telefone, fungura Traversa Ride 360.

3. Nihazamo aho ushakira akarere k’amashuri kawe, shakisha izina ry’akarere k’amashuri umwana wawe yigamo. Niba ukeneye ubufasha, baza akarere k’amashuri kawe.

4. Numara guhitamo akarere kawe, uzakomereza kuri paji yo kwinjiriramo.  Niba udasanzwe ufite imeyili, kanda kuri ‘Register’ (‘Iyandikishe’).

5. Andikamo aderisi ya imeyili yawe, ijambobanga n’izina kugira ngo wiyandikishe.

6. Nyuma yo kwiyandikisha, uzakira imeyili ibyemeza. Kanda ku ihuza riri muri iyo imeyili kugira ngo wemeze ko wiyandikishije binyuze kuri urwo rubuga rwa Ride 360.

7. Injiramo, maze ushake umunyeshuri ujya kuri My Students (Abanyeshuri banjye), unahitamo buto yanditseho +. Ibi bizazana paji ya Find a Student (Shaka Umunyeshuri).

8. Andikamo amakuru yihariye akenewe n’akarere k’amashuri kawe kugira ngo ubone umunyeshuri wawe. Subiramo iyi ntambwe kugira ngo wongereho abandi banyeshuri. Niba ukeneye ubufasha, hamagara akarere k’amashuri kawe.

9. Numara kugera ku munyeshuri, kanda ku mwirondoro w’umunyeshuri kugira ngo urebe amakuru yose y’ingenzi yerekeye uburyo bwo gutwara abanyeshuri.

10. Kanda buto ya “share”(sangira) kugira ngo usangire ihuza ry’umunyeshuri n’undi muntu.  Andikamo imeyili y’umuntu ushaka kurisangira na we. Uwo muntu azakira imeyili ibyemeza izahita ibahuza n’umunyeshuri (abanyeshuri) bahuriweho. Abakira iyo imeyeli bagomba kuyandikisha kuri Ride 360, niba batari babikora, kugira ngo bagere ku makuru yerekeye umunyeshuri.

11. Genzura buri gihe amakuru mashya kugira ngo wizere ko telefone yawe irimo gukoresha ubwoko bugezweho bw’iyo porogaramu.

12. Guguma muri porogaramu kugira ngo ujye ubona amatangazo y’akarere k’amashuri, n’ubwo porogaramu yaba itarimo gukora.



Shaka Akarere k’Amashuri kawe



Ipaji yo Kwinjiriramo ya Porogaramu



Shaka Umunyeshuri wawe